Me HABYARIMANA Emmanuel
Professional court Bailiff
E-mail: hemmy0002@yahoo.com
Tel:0783303374

INYANDIKO IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA **RCOM 02245/2026/TC**

Umwaka wa 2026, Ukwezi kwa 11, Umunsi wa 19

Mbisabwe na **MBARUSHIMANA Patrick,**

Njyewe Me.HABYARIMANA Emmanuel, Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga, nshingiye ku rubanza **RCOM 02245/2026/TC,**

Nshingiye ku ngingo ya 48 n'iya 49 y'itegeko rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko No 12/2013 ryo kuwa 31/12/2025.

Menyesheje **NIYINDORA Gilbert,** imikirize y'urubanza **RCOM 02245/2026/TC**

iteye itya:

II. ICYEMEZO CY'URUKIKO

34) RWEMEJE ko ikirego cya MBARUSHIMANA Patrick gifite ishingiro.

35) RWEMEJE ko amasezerano yo gutiza ingwate ku mutungo ufite UPI1/03/01/05/5571 uherereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Gahanga, Akagari ka Nunga, Umudugudu wa Nunga I yo kuwa 08/08/2025, yakozwe hagati ya NIYINDORA Gilbert na VISIONFUND RWANDA (VFR) LTD ateshejwe agaciro kuko yakozwe mu buryo bunyuranije n'amategeko.

36) RWEMEJE ko ikirego cya Me MUGENZANGABO Alexandre uburanira VISIONFUND RWANDA (VFR) kiregera kwiregura gifite ishingiro.

37) RWEMEJE ko NIYINDORA Gilbert akwiye kwishyura umwenda wa 30,000,000frw yahawe na VISIONFUND RWANDA (VFR) n'inyungu zawo zibazwe kuri 2,5% nk'uko bikubiye mu masezerano y'inguzanyo mu ngingo ya 3 ivuga ko inyungu zisanzwe zizajya zibarwa kuri 2,5% buri kwezi. Ni ukuvuga inyungu z'amezi 11 uhereye ku wa 28/10/2025 ubwo aya masezerano yasinywaga kugeza urubanza rusomwe ku wa 28/9/2026= 30,000,000frwx2,5%x11= 825,000frw. Bivuga ko NIYINDORA Gilbert akwiye kwihyura yose hamwe miliyoni 30,825,000frw harimo n'inyunu zisanzwe. Akayishyura ku giti cye hadashingiwe ku mutungo ufite

Me HABYARIMANA Emmanuel
UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA
TEL: 0783303374
0728303374
Email: hemmy0002@yahoo.com

Imechanganuliwa na CamScanner

UPI:1/03/01/05/5571 wavuzwe haruguru wari waratanzweho ingwate kuko amasezerano y'ubugwate yateshejwe agaciro.Bigakorwa ku bushake kuva rubaye ndakuka,bitakorwa agakurwa mu bye ku ngufu za Leta.

38) RUTEGETSE NIYINDORA Gilbert guha MBARUSHIMANA Patrick amafaranga ibihumbi 500,000frw y'igihembo cy'Avoka wamuburaniye,n'amafaranga ibihumbi 100,000frw y'ikurikirana rubanza. Akayishyura kuva rubaye ndakuka,atayishyura ku bushake agakurwa mu bye ku ngufu za Leta.

39) RUTEGETSE NIYINDORA Gilbert guha VISIONFUND RWANDA (VFR) amafaranga ibihumbi 500,000frw y'igihembo cy'Avoka wayiburaniye, n'amafaranga ibihumbi 100,000frw y'ikurikirana rubanza. Akayishyura kuva rubaye ndakuka,atayishyura ku bushake agakurwa mu bye ku ngufu za Leta

40) RUTEGETSE NIYINDORA Gilbert gusubiza MBARUSHIMANA Patrick amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000frw) yatanze yinjiza ikirego.

Bigakorwa ku bushake kuva rubaye ndakuka,bitakorwa agakurwa mu bye ku ngufu za Leta.

NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KU WA 28/09/2026.

(Se) UMUCAMANZA

Justin NSHIMIYIMANA

(Se) UMWANDITSI

UMUHOZA Pauline

Umunyesheje inyandiko

Me HABYARIMANA Emmanuel

Huissier Prof

Me HABYARIMANA Emmanuel
VUHESHA WINKIKO W'UMWUGA
TEL:0783303374
0728303374
Email hemmy0002@yahoo.com

Imechanganuliwa na CamScanner